Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bibujijwe kwakira inkunga iyo ari yo yose ifite inkomoko ku bantu cyangwa ku miryango irangwaho ibikorwa by'iterabwoba cyangwa ubundi bugizi bwa nabi.

Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bikora ibibujijwe n'iyi ngingo bibiryoza hakurikijwe amategeko abigenga.

**UMUTWE WA III: GUSABA UBUZIMAGATOZI N'INSHINGANO Z'UMURYANGO**

**Ingingo ya 17: Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw'umuryango**

Umuryango usaba ubuzimagatozi ugomba kwandikira Urwego ibaruwa iherekejwe n'ibi bikurikira:

- 1° amategeko shingiro awugenga ariho umukono wa noteri yubahiriza ibikubiye muri iri tegeko;
- 2° aho icyicaro gikuru gihereye na aderesi yuzuye;
- 3° amazina y'uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n'umwungirije, inshingano zabo, aho babarizwa, n'imyirondoro yabo;

An organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry is prohibited from receiving any sort of support from any individual or organisation involved in terrorism or other criminal activities.

An organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry that violates the prohibitions provided for in this Article is held liable in accordance with relevant laws.

**CHAPTER III: APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY AND DUTIES OF AN ORGANISATION**

**Article 17: Requirements for application for legal personality of an organisation**

An organisation applying for legal personality must address to the Board an application letter accompanied by the following:

- 1° notarised statutes governing the organisation in accordance with this Law;
- 2° location of head office as well as its full address;
- 3° names of the legal representative of the organisation and his or her deputy, their responsibilities, full address and their biographical information;

Il est interdit à une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère d'obtenir toute sorte d'assistance émanant des personnes ou des organisations impliquées dans des activités terroristes ou criminelles.

Une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère qui viole les interdictions prévues dans le présent article est tenu responsable conformément à la législation en la matière.

**CHAPITRE III: DEMANDE DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE ET OBLIGATIONS D'UNE ORGANISATION**

**Article 17: Conditions requises pour la demande de la personnalité juridique d'une organisation**

Une organisation qui demande la personnalité juridique doit adresser à l'Office une lettre de demande accompagnée de ce qui suit:

- 1° les statuts notariés régissant l'organisation conformément à la présente loi;
- 2° le siège social et son adresse complète;
- 3° les noms du représentant légal de l'organisation, son adjoint, leurs attributions et adresses complètes et leurs renseignements biographiques;

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 4° icyemezo cy'uko uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n'umwungirije batakiwe cyangwa bakatiwe n'inkiko;  | 4° a criminal record certificate of the legal representative of the organisation and of his or her deputy ;                                       | 4° un extrait du casier judiciaire du représentant légal de l'organisation, et de son adjoint;   |
| 5° inyandiko igaragaza ko uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n'umwungirije bashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko awugenga;  | 5° a statement certifying that the legal representative of the organisation and his or her deputy were appointed in accordance with its statutes; | 5° un document attestant que le représentant légal de l'organisation et son adjoint ont été désignés conformément aux statuts de l'organisation; |
| 6° inyandiko ngufi isobanura amahame umuryango ugenderaho iriho umukono wa noteri;   | 6° a brief notarised document explaining the doctrine of the organisation;  | 6° un document notarié résumant la doctrine de l'organisation;   |
| 7° inyandiko y'abahagarariye umuryango imbere y'amategeko bemera inshingano bahawe iriho umukono wa noteri;  | 7° a notarised declaration of the legal representatives of the organisation of consent to the responsibilities assigned to them;                  | 7° une déclaration notariée des représentants légaux de l'organisation acceptant les attributions qui leur sont confiées;                        |
| 8° inyandikomvugo y'inama iriho umukono wa noteri igaragaza ishingwa ry'umuryango, iyemezwa ry'amategeko shingiro awugenga n'ishyirwaho ry'abagize inzego, biriho umukono wa noteri; | 8° notarised minutes of the general assembly that established the organisation, approved its statutes and appointed members of its organs;        | 8° une copie notariée du procès-verbal de l'assemblée générale qui a créé l'organisation, adopté ses statuts et élu les membres de ses organes;  |
| 9° gahunda y'ibikorwa by'umwaka umuryango uteganya gukora n'aho uzakura ingengo y'imari iriho umukono wa noteri;   | 9° notarised document of annual action plan of the organisation and its source of budget;   | 9° un document notarié qui inclut le plan d'action annuel de l'organisation et la source de son budget;  |
| 10° inyubako yo gukoreramo yujuje ibiteganywa n'amabwiriza agenga imyubakire y'aho hantu;  | 10° a document indicating the building that meets the requirements of the building code of the area of operation;                                 | 10° un document indiquant le bâtiment remplissant les normes régissant la construction dans le lieu d'intervention;                              |

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

11° ibaruwa yatanzwe n'ubuyobozi bw'Akarere yemerera umuryango imikoranire;	11° a letter issued by District authorities agreeing collaboration with the organisation;	11° une lettre délivrée par l'autorité du District acceptant la collaboration avec l'organisation;
12° inyandiko yemera ubufatanye yatanzwe n'imwe mu mpuzamiryango yihitiyemo;	12° a document of partnership issued by one of the umbrellas of own choice;	12° un document de partenariat délivré par l'un des collectifs de son choix;
13° inyemezabwishyu y'uko umuryango wishyuye amafaranga ya serivisi yo gusaba ubuzimagatozi adasubizwa agenwa n'Urwego.	13° proof of payment of a non-refundable fee for services of legal personality application determined by the Board .	13° une preuve de paiement de frais non remboursables fixés par l'Office, pour les services de demande de personnalité juridique.
Urwego rushobora kugena amabwiriza ashiraho ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi.	The Board can issue regulations determining additional requirements for application for legal personality.	L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires pour la demande de la personnalité juridique.
<b><u>Ingingo ya 18: Impamvu zituma umuryango udahabwa ubuzimagatozi</u></b>	<b><u>Article 18: Reasons for denying a legal personality to an organisation</u></b>	<b><u>Article 18: Raisons de refus d'une personnalité juridique à une organisation</u></b>
Urwego rushobora kudaha ubuzima gatozi umuryango kubera imwe mu mpamvu zikurikira:	The Board may deny legal personality to an organisation due to one of the following reasons:	L'Office peut ne pas octroyer la personnalité juridique à une organisation pour l'une des raisons suivantes:
1° utujuje ibisabwa mu itangwa ry'ubuzimagatozi biteganywa muri iri tegeko;	1° non-compliance with the requirements for issuance of legal personality provided for under this Law;	1° la non-conformité aux conditions d'octroi de la personnalité juridique prévues par la présente loi;
2° kuba amahame y'umuryango anyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko;	2° inconsistency of doctrines of an organisation with the Constitution and other laws;	2° la non-conformité de la doctrine d'une organisation à la Constitution et à d'autres lois;
3° iyo hari ibimenyetso bigaragaza ko umuryango uhungabanya cyangwa wahungabanya umutekano, ituze, ubuzima, umudendezo wa rubanda,	3° availability of evidence that the organisation violates or can jeopardise security, peace, health, public order, good morals, human	3° existence de preuves que l'organisation viole ou peut porter atteinte à la sécurité, la paix, la santé, l'ordre public, les bonnes mœurs, les droits et libertés

imyitwarire iboneye, uburenganzira n'ubwisanzure by'abandi, cyangwa ubiba urwango hagati y'abadahuje imyemerere;

rights and freedoms or if it spreads hatred among people of different faith.

d'autrui, ou répand la haine contre les personnes de foi différente.

**Ingingo ya 19: Amategeko shingiro y'umuryango**

**Article 19: Statutes of an organisation**

**Article 19: Statuts d'une organisation**

Umuryango ugomba kugira amategeko shingiro awugenga.

An organisation must have statutes that govern it.

Une organisation doit avoir des statuts qui la régissent.

Amategeko shingiro agenga umuryango agomba kugaragaza ibi bikurikira:

Statutes governing an organisation must indicate the following:

Les statuts d'une organisation doivent indiquer ce qui suit:

1° izina ry'umuryango;

1° the name of the organisation;

1° la dénomination de l'organisation;

2° intego;

2° mission;

2° la mission;

3° ibikorwa by'umuryango, abagenerwabikorwa n'aho bizakorerwa;

3° activities of an organisation, beneficiaries and area of operation;

3° les activités de l'organisation, les bénéficiaires et la zone d'intervention;

4° imiterere y'inzego z'ubuyobozi, amashami, ububasha n'inshingano za buri rwego;

4° administrative structure, branches, competence and responsibilities of each organ;

4° la structure administrative, les branches, la compétence et les attributions de chaque organe;

5° imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo n'ibishingirwaho kugirango umunyamuryango ashirwe mu mwanya, azamurwe mu ntera, manda n'uko akurwa mu mwanya;

5° organisational structure and criteria for placement, promotion, term of office and dismissal of its members;

5° la structure organisationnelle et les critères de placement, promotion, mandat et révocation de ses membres;

6° komite nyobozi y'umuryango igizwe nibura n'abantu batanu (5);

6° executive committee of the organisation composed of at least five (5) persons;

6° le comité exécutif de l'organisation composé d'au moins cinq (5) personnes;

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 7° urwego rushinzwe ubugenzuzi bw'imari rugizwe nibura n'abantu batatu (3) na manda zabo;          | 7° financial audit committee composed of at least three (3) persons and their term of office;                               | 7° l'organe chargé d'audit financier composé d'au moins trois (3) personnes et leur mandat;  |
| 8° urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe n'abantu nibura batatu (3) na manda zabo;        | 8° committee for conflict resolution composed of at least three (3) persons and their term of office;                       | 8° l'organe chargé de la résolution des conflits composé d'au moins trois (3) personnes et leur mandat;  |
| 9° ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize komite nyobozi y'umuryango n'uko abutakaza; | 9° criteria for acquisition and loss of membership of the executive committee;  | 9° les critères d'acquisition et de perte de la qualité de membre du comité exécutif;  |
| 10° inkomoko n'ibigize umutungo w'umuryango n'aho uwo mutungo ujya iyo umuryango usheshwe.         | 10° source and composition of the property of the organisation and its disposal in case of dissolution of the organisation. | 10° la source et la composition du patrimoine de l'organisation, ainsi que l'affectation du patrimoine après la dissolution de l'organisation. |

Urwego rushobora kugena amabwiriza agena ibindi by'ingenzi bigomba kugaragazwa mu mategeko shingiro y'umuryango.

The Board may issue regulations that determine additional important details that can be indicated in statutes of an organisation.

L'Office peut édicter des règlements déterminant d'autres éléments nécessaires que doivent inclure les statuts d'une organisation.

**Ingingo ya 20: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahagararire umuryango imbere y'amategeko**

**Article 20: Requirements for being a legal representative of an organisation**

**Article 20: Conditions requises pour être représentant légal d'une organisation**

Uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n'umwungirije bagomba:

A legal representative of an organisation and his/her deputy must:

Un représentant légal d'une organisation et son adjoint doivent:

- 1° kuba bafite imyaka y'ubukure;
- 2° kuba bafite impamyabumenyi ya kaminuza mu by'iyobokamana cyangwa indi mpamyabumenyi ya kaminuza hiyongereyeho impamyabushobozi yemewe mu byerekeye iyobokamana yatanze n'ishuri ryemewe;

- 1° be of majority age;
- 2° possess a bachelor's degree in religious studies or any bachelor's degree with a valid certificate in religious studies related matters issued by a recognised institution;

- 1° avoir atteint l'âge de la majorité;
- 2° avoir une licence en études religieuses ou toute autre licence avec un certificat valide dans le domaine des études religieuses, délivré par une institution agréée;

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 3° kuba baratowe cyangwa barashyizweho mu buryo bukurikije amategeko shingiro agenga umuryango ahagarariye;  | 3° be elected or appointed in accordance with the statutes of an organisation they represent;  | 3° avoir été élu ou désigné conformément aux statuts de l'organisation qu'ils représentent;  |
| 4° kuba batarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura cyangwa icyo gukurura amacakubiri;  | 4° have not been convicted of the crime of genocide, genocide ideology, discrimination or sectarianism;  | 4° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination ou de divisionnisme;  |
| 5° kuba batarakatiwe burundu igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa. | 5° not to have been definitively sentenced to a principal penalty of imprisonment equal to or exceeding six (6) months which was never removed by amnesty or rehabilitation. | 5° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation. |

Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza agena ibindi abahagararira umuryango bagomba kuba bujuje hakurikijwe umwihariko w'ibikorwa iyo miryango igamije.

The Board may issue regulations determining other requirements that legal representatives must fulfil, depending on the particularity of the activities of an organisation.

L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires pour les représentants légaux, conformément à la particularité des activités d'une organisation.

**Ingingo ya 21: Inshingano z'umuryango**

**Article 21: Obligations of an organisation**

**Article 21: Obligations d'une organisation**

Bitabangamiye izindi nshingano ziteganywa n'amategeko, umuryango ugomba:

Without prejudice to other obligations provided by laws, an organisation must:

Sans préjudice d'autres obligations prévues par les lois une organisation doit:

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 1° kugeza ku Rwego raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari by'umwaka urangiye mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira ukagera kopi Intara n'Akarere ukoreramo; | 1° submit to the Board the activity report and budget execution report of the previous year within a period not exceeding the first three (3) months of the following fiscal year, and provides a copy to the Province and District where it operates; | 1° soumettre à l'Office un rapport d'activités et un rapport d'exécution budgétaire de l'année écoulée endéans trois (3) premiers mois de l'année budgétaire suivante et en donne copie à la Province et au District dans lesquels elle exerce ses activités; |
|--|--|---|

- |   |  |   |
|---|--|---|
| <p>2° kugeza ku Rwego gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'itangira ry'umwaka w'ingengo y'imari ukagera kopi Intara n'Akarere ukoreramo;</p> | <p>2° submit to the Board the annual activity plan and budget proposal for the following year within a period not exceeding the first three (3) months of the following fiscal year, and provide a copy to the authorities of the Province and District where it operates;</p> | <p>2° soumettre à l'Office le plan d'action et le budget de l'année budgétaire suivante endéans trois (3) premiers mois de l'année budgétaire suivante et donne copie à la Province et au District dans lesquels elle exerce ses activités;</p> |
| <p>3° kumenyesha Urwego impinduka zabaye mu bijyanye n'amategeko shingiro, inzego ziwugize cyangwa icyicaro cyawo;</p>  | <p>3° inform the Board of any changes in the statutes, constituting organs or its head office;</p>   | <p>3° informer l'Office de tout changement relatif aux statuts, à ses organes et au siège social;</p>   |

**UMUTWE WA IV: UMWIGISHA N'AHATANGIRWA INYIGISHO**

**CHAPTER IV: PREACHER AND PLACE OF SERMON**

**CHAPITRE IV: PRÉDICATEUR ET LIEU DE PRÉDICATION**

**Ingingo ya 22: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umwigisha**

**Article 22: Requirements for being a preacher**

**Article 22: Conditions pour être prédicateur**

Umwigisha agomba kuba:

A preacher must:

Un prédicateur doit:

- |   |  |   |
|---|--|---|
| <p>1° afite imyaka y'ubukure;</p>   | <p>1° be of majority age;</p>  | <p>1° avoir atteint l'âge de la majorité;</p>   |
| <p>2° ari inyangamugayo;</p>  | <p>2° be a person of integrity;</p>  | <p>2° être intègre;</p>   |
| <p>3° yujuje ibisabwa n'umuryango bijyanye no kuba umwigisha kuri urwo rwego;</p>                                       | <p>3° fulfil the requirements of an organization for being a preacher at that level;</p>           | <p>3° remplir les conditions d'une organisation pour être prédicateur à ce niveau ;</p>                         |
| <p>4° afite inyandiko yemeza ko umuryango umuhaye inshingano zo kuba umwigisha;</p>                                     | <p>4° possess a statement testifying that an organisation authorises him/her to be a preacher;</p> | <p>4° être détenteur d'une attestation de l'organisation l'autorisant à être prédicateur;</p>                   |
| <p>5° atarakatiwe burundu igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitarahanagurwa</p> | <p>5° not have been definitively sentenced to a principal penalty of imprisonment equal to or</p>  | <p>5° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement égale ou supérieure à</p> |



*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;	exceeding six (6) months which was never removed by amnesty or rehabilitation;	six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation;
6° atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura cyangwa icyo gukurura amacakubiri;	6° not have been definitively convicted of the crime of genocide, genocide ideology, discrimination or sectarianism;	6° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination ou de divisionnisme;
7° afite impamyabumenyi ya kaminuza mu by'iyobokamana cyangwa indi mpamyabumenyi ya kaminuza hiyongereyeho impamyabushobozi yemewe mu byerekeye iyobokamana yatanzwe n'ishuri ryemewe.	7° possess a degree of a higher learning institution in religious studies or any other degree with a valid certificate in religious studies related matters delivered by a recognised institution.	7° avoir un diplôme universitaire en études religieuses ou tout autre diplôme avec un certificat reconnu dans le domaine des sciences religieuses délivré par une institution agréée.
Ibisabwa biteganywa mu gace ka karindwi (7°) k'iyi ngingo bireba abigisha bari ku nzego z'umuryango zifite izindi zikuriye.	The requirement provided for under item seven (7°) of Paragraph One of this Article concerns preachers at the levels of the organisation having other levels under their supervision.	La condition requise au point sept (7°) de l'alinéa premier du présent article concerne les prédicateurs des niveaux de l'organisation ayant d'autres niveaux sous leur supervision.
Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza akena ibindi bisabwa kugira ngo umuntu abe umwigisha.	The Board may issue regulations determining additional requirements for being a preacher.	L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires pour être prédicateur.
<b><u>Ingingo ya 23: Aho inyigisho zitangirwa</u></b>	<b><u>Article 23: Place of sermon</u></b>	<b><u>Article 23: Lieu de prédication</u></b>
Inyigisho mu by'iyobokamana zitangirwa mu nyubako zabugenewe kandi zujuje ibiteganywa n'amategeko.	Religious sermon is delivered in designated facilities that meet the requirements of the law.	La prédication religieuse se déroule dans des bâtiments appropriés et remplissant les normes légales.
Iyo umuryango ushaka gukoresha iteraniro ridasanze ribera mu ruhame, usaba uburenganzira ubuyobozi bubifitiye ububasha.	If an organisation intends to organise a special public gathering, it seeks authorisation from the competent authority.	Lorsqu'une organisation désire organiser un rassemblement spécial public, elle en demande l'autorisation à l'autorité compétente.

Urwego rushyiraho amabwiriza agenga inyigisho z'iyobokamana zitangirwa mu itangazamakuru.

The Board issues regulations governing religious preaching through media.

L'Office édicte des règlements régissant la prédication religieuse dans les médias.

**UMUTWE WA V: GUSABA UBUZIMAGATOZI, INSHINGANO Z'IMPUZAMIRYANGO N'IZ' IHURIRO RY'IMPUZAMIRYANGO**

**CHAPTER V: APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY, RESPONSIBILITIES OF AN UMBRELLA AND A FORUM OF UMBRELLAS**

**CHAPITRE V: DEMANDE DE PERSONNALITÉ JURIDIQUE, ATTRIBUTIONS D'UN COLLECTIF ET D'UN FORUM DES COLLECTIFS**

**Ingingo ya 24: Uburenganzira bwo kwishyira hamwe kw'imiryango**

**Article 24: Right of association for organisations**

**Article 24: Droit d'association des organisations**

Imiryango ifite uburenganzira bwo kwishyira hamwe igakora impuzamiryango. Ifite kandi uburenganzira bwo kwihitiramo impuzamiryango ibera umunyamuryango.

Organisations have the right of association to form an umbrella. They also have the right to be member of an umbrella of their choice.

Les organisations ont le droit de s'associer pour constituer un collectif. Ils ont également le droit d'être membre d'un collectif de leur choix.

Impuzamiryango igira ubuzimagatozi kandi igakora mu buryo bukurikije ibiteganywa n'iri tegeko.

An umbrella has a legal personality and operates in accordance with this Law.

Un collectif est doté de personnalité juridique et fonctionne conformément à la présente loi.

**Ingingo ya 25: Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi ku mpuzamiryango**

**Article 25: Requirements for application for legal personality of an umbrella**

**Article 25: Conditions requises pour la demande de la personnalité juridique d'un collectif**

Impuzamiryango isaba ubuzimagatozi igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

An umbrella applying for a legal personality must fulfil the following requirements:

Un collectif qui demande la personnalité juridique doit remplir les conditions suivantes:

- 1° kuba igizwe nibura n'imiryango itanu (5) ifite ubuzima gatozi;
- 2° kuba ifite amategeko shingiro yanditse nibura mu ndimi eshatu (3) zikoreshwa mu butegetsi ariho umukono wa noteri;
- 3° inyandiko igaragaza amazina y'uhagarariye impuzamiryango imbere

- 1° be composed of at least five (5) organisations with legal personality;
- 2° have notarised statutes written in at least three (3) official languages;
- 3° a document indicating names of the umbrella legal representative

- 1° être composé d'au moins cinq (5) organisations dotées de personnalité juridique;
- 2° avoir les statuts notariés rédigés dans au moins trois (3) langues officielles;
- 3° un document indiquant les noms du représentant légal et de son adjoint, leurs

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

<p>y'amategeko n'umwungirije, imyirondoro yabo yuzuye n'ibyangombwa bigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakiwe n'inkiko;</p>	<p>and his or her deputy, their biographical information and a criminal record certificate;</p>	<p>renseignements biographiques et leurs extraits de casier judiciaire;</p>
<p>4° inyandiko y'abahagarariye impuzamiryango imbere y'amategeko iriho umukono bemera inshingano bahawe mu mpuzamiryango;</p>	<p>4° notarised statements of legal representatives of the umbrella accepting responsibilities assigned to them by the umbrella;</p>	<p>4° les déclarations notariées des représentants légaux acceptant les attributions leur confiées par le collectif;</p>
<p>5° inyandiko ngufi isobanura amahame impuzamiryango igenderaho iriho umukono wa noteri;</p>	<p>5° a brief notarised document that explains the doctrine of the umbrella;</p>	<p>5° un document notarié résumant la doctrine d'un collectif;</p>
<p>6° inyandikomvugo y'inama yemeza amategeko shingiro ayigenga kandi igaragamo abagize inzego z'impuzamiryango iriho umukono wa noteri;</p>	<p>6° notarised copy of the minutes of the general assembly that approved the statutes of the umbrella, with the names of members of the umbrella organs;</p>	<p>6° une copie du procès-verbal notariée de l'assemblée générale approuvant les statuts du collectif et comprenant les noms des membres de ses organes;</p>
<p>7° gahunda y'ibikorwa impuzamiryango iteganya gukora ishingiye ku ntego yihaye, igihe iteganya kubikoreramo n'aho izakura ubushobozi;</p>	<p>7° plan of action the umbrella intends to execute that is based on its mission, timeframe of execution and the source of fund;</p>	<p>7° le plan d'action que le collectif a l'intention de mettre en exécution relatif à sa mission, la période d'exécution et la source de financement;</p>
<p>8° aho izakorera hujuje ibisabwa;</p>	<p>8° a building for its activities that meets the requirements;</p>	<p>8° un bâtiment où il exercera ses activités remplissant les conditions requises;</p>
<p>9° inyemezabwishyu y'amafaranga ya serivisi yo gusaba ubuzimagatozi adasubizwa agenwa n'Urwego;</p>	<p>9° proof of payment of a non-refundable fee for services of legal personality application determined by the Board ;</p>	<p>9° une preuve de paiement de frais non remboursables fixés par l'Office, pour les services de demande de personnalité juridique;</p>
<p>10° kopi y'ibyemezo by'ubuzimagatozi by'imiryango iyigize.</p>	<p>10° copies of legal personality of organisations that constitute it.</p>	<p>10° les copies des certificats de personnalité juridique des organisations qui le composent.</p>

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza agena ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi.

The Board may issue regulations determining additional requirements for application for legal personality.

L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions additionnelles requises pour la demande de la personnalité juridique.

**Ingingo ya 26: Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw'ihuriro ry'impuzamiryango**

**Article 26: Requirements for application for legal personality of a forum of umbrellas**

**Article 26: Conditions requises pour la demande de la personnalité juridique d'un forum des collectifs**

Impuzamiryango zishobora gushyiraho ihuriro ryazo.

Umbrellas may establish their forum.

Les collectifs peuvent établir leur forum.

Ihuriro ry'impuzamiryango risaba ubuzimagatozi rigomba kuba ryujuje ibisabwa bikurikira:

The forum of umbrellas applying for legal personality must fulfil the following requirements:

Le forum des collectifs demandant la personnalité juridique doit remplir les conditions suivantes:

- 1° kuba rigizwe nibura n'impuzamiryango eshatu (3) zifite ubuzimagatozi;
- 2° kopi y'ibyemezo by'ubuzimagatozi by'impuzamiryango zirigize;
- 3° kuba rifite amategeko shingiro yanditse nibura mu ndimi eshatu (3) zikoreshwa mu butegetsi ariho umukono wa noteri;
- 4° inyandiko igaragaza amazina y'uhagarariye ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko n'umwungirije, imyirondoro yabo yuzuye n'ibyangombwa bigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakiwe n'inkiko;
- 5° inyandiko y'abahagarariye ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko iriho umukono wa noteri

- 1° be composed of at least three (3) umbrellas with legal personality;
- 2° copies of legal personality certificates of its constituting umbrellas;
- 3° have notarized statutes written in at least three (3) official languages;
- 4° a document indicating the names of the legal representative of the forum and his or her deputy, their biographical information and criminal record certificates;
- 5° notarised statement of legal representatives of the forum of umbrellas accepting the

- 1° être composé d'au moins trois (3) organisations dotées de personnalité juridique;
- 2° les copies des certificats de personnalité juridique de ses collectifs constitutifs;
- 3° avoir les statuts notariés rédigés dans au moins trois (3) langues officielles;
- 4° un document indiquant les noms du représentant légal du forum des collectifs et de son adjoint, leurs renseignements biographiques et leurs extraits du casier judiciaire;
- 5° les déclarations notariées des représentants légaux acceptant les

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

bemera inshingano bahawe mu ihuriro ry'impuzamiryango;	responsibilities assigned to them by the forum of umbrellas;	attribution leur confiées par le forum des collectifs;
6° inyandikomvugo y'inama yemeza amategeko shingiro arigenga kandi igaragaramo abagize inzego z'ihuriro ry'impuzamiryango iriho umukono wa noteri;	6° notarised copy of the minutes of the general assembly that approved the statutes of the forum of umbrellas, with the names of members of the forum of umbrellas organs;	6° une copie notariée du procès-verbal de l'assemblée générale approuvant les statuts d'un forum des collectifs et comprenant les noms des membres de ses organes;
7° gahunda y'ibikorwa ihuriro ry'impuzamiryango riteganya gukora ishingiyeye ku ntego ryihaye, igihe riteganywa kubikorwamo n'aho rizakura ubushobozi;	7° a plan of action that the forum of umbrellas intends to execute that is based on its mission, timeframe of execution and the source of fund;	7° un plan d'action que le forum des collectifs a l'intention de mettre en exécution relatif à sa mission, sa période d'exécution et sa source de financement;
8° aho rizakorera hujwe ibisabwa;	8° building for its activities that meets the requirements;	8° un bâtiment où il exercera ses activités qui remplissant les conditions requises;
9° inyemezabwishyu y'amafaranga ya serivisi yo gusaba ubuzimagatozi adasubizwa agenwa n'Urwego;	9° a proof of payment of a non-refundable fee for services of legal personality application determined by the Board.	9° avoir une preuve de paiement de frais non remboursables des services de demande de personnalité juridique fixés par l'Office.
Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza agena ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi.	The Board may issue regulations determining additional requirements for application for legal personality.	L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires pour la demande de la personnalité juridique.
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Impamvu zituma impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bidahabwa ubuzimagatozi</b>	<b><u>Article 27:</u> Reasons for refusal to be issued legal personality for an umbrella or a forum of umbrellas</b>	<b><u>Article 27:</u> Motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique à un collectif ou un forum des collectifs</b>
Urwego rushobora kudaha ubuzimagatozi impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango iyo:	The Board can refuse to issue a legal personality to an umbrella or to a forum of umbrellas if:	L'Office peut refuser d'octroyer une personnalité juridique à un collectif ou un forum des collectifs si:

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- 1° impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bitujuje ibisabwa mu iyandikwa biteganywa n'iri tegeko;
- 2° hari ibimenyetso bihagije bigaragaza ko impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bihungabanya cyangwa byahungabanya umutekano, ituze, ubuzima, umudendezo wa rubanda, imyitwarire iboneye, uburenganzira n'ubwisanzure by'abandi, cyangwa bibiba urwango n'abo badahuje imyemerere.

- 1° An umbrella or a forum of umbrellas that fails to fulfil the registration requirements provided for by this Law;
- 2° there exists sufficient evidence that the umbrella or a forum of umbrellas violates or can jeopardise security, peace, health, public order, good morals, human rights and freedoms of others, or spreads hatred against people of different faith.

- 1° Un collectif ou un forum des collectifs ne remplit pas les conditions d'enregistrement prescrites par la présente loi;
- 2° il existe des preuves suffisantes que le collectif ou le forum des collectifs viole ou peut porter atteinte à la sécurité, la paix, la santé, l'ordre public, les bonnes mœurs les droits et libertés d'autrui, ou répand la haine contre les personnes d'une foi différente.

**Ingingo ya 28: Ibikubiye mu mategeko shingiro**

Amategeko shingiro agenga impuzamiryango n'agenga ihuriro ry'impuzamiryango agomba kugaragaramo ibi bikurikira:

- 1° izina ry'impuzamiryango cyangwa iry'ihuriro ry'impuzamiryango;
- 2° intego;
- 3° ibikorwa by'impuzamiryango cyangwa iby'ihuriro ry'impuzamiryango n'aho bizakorerwa;
- 4° imiterere y'inzego z'ubuyobozi, manda, ububasha n'inshingano za buri rwego;
- 5° komite nyobozi igizwe nibura n'abantu batanu (5);

**Article 28: Contents of the statutes**

Statutes governing an umbrella and a forum of umbrellas must contain the following:

- 1° name of the umbrella or a forum of umbrellas;
- 2° mission;
- 3° activities and the area of operation of the umbrella or a forum of umbrellas;
- 4° administrative organ, term of office, competence and responsibilities of each organ;
- 5° executive committee composed of at least five (5) persons;

**Article 28: Contenu des statuts**

Les statuts d'un collectif et d'un forum des collectifs doivent comporter les mentions suivantes:

- 1° la dénomination d'un collectif ou forum des collectifs;
- 2° la mission;
- 3° les activités et le lieu d'exécution d'un collectif ou d'un forum des collectifs;
- 4° la structure administrative, le mandat, la compétence et les attributions de chaque organe;
- 5° le comité exécutif composé au moins cinq (5) personnes;

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 6° urwego rushinzwe ubugenzuzi bw'imari rugizwe nibura n'abantu batanu (5) na manda zabo;   | 6° financial audit committee composed of at least five (5) persons and their term of office;   | 6° un organe chargé d'audit financier comprenant au moins cinq (5) personnes et leur mandat;                                      |
| 7° urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe n'abantu nibura batanu (5) na manda zabo;   | 7° organ responsible for conflict resolution composed of at least five (5) persons and their term of office;                           | 7° organe chargé de la résolution des conflits comprenant au moins cinq (5) personnes et leur mandat;                             |
| 8° ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize komite nyobozi y'impuzamiryango, iy'ihuriro ry'impuzamiryango n'uko abitakaza; | 8° criteria for being a member of the executive committee of an umbrella or a forum of umbrellas and procedure for loss of membership; | 8° les critères d'acquisition et de perte de la qualité de membre du comité exécutif d'un collectif ou d'un forum des collectifs; |
| 9° umutungo w'impuzamiryango, uw'ihuriro ry'impuzamiryango n'inkomoko yawo n'aho uwo mutungo ujya iyo isheshwe.                       | 9° property of an umbrella or a forum of umbrellas and its sources and its disposal in case of dissolution.                            | 9° patrimoine du collectif ou du forum des collectifs et ses sources et affectation du patrimoine en cas de dissolution.          |

Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza agena ibindi bigomba kugaragazwa mu mategeko shingiro y'impuzamiryango cyangwa ay'ihuriro ry'impuzamiryango.

The Board may issue regulations determining additional contents of statutes of an umbrella or a forum of umbrellas.

L'Office peut édicter des règlements déterminant les éléments additionnels que les statuts d'un collectif doivent inclure.

**Ingingo ya 29: Inshingano z'impuzamiryango n'iz'ihuriro ry'impuzamiryango**

**Article 29: Responsibilities of an umbrella and a forum of umbrellas**

**Article 29: Attributions d'un collectif et d'un forum des collectifs**

Impuzamiryango n' ihuriro ry'impuzamiryango bifite inshingano zikurikira:

An umbrella and a forum of umbrellas have the following responsibilities:

Un collectif et un forum des collectifs ont les attributions suivantes:

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 1° gukora ubuvugizi no guteza imbere indangagaciro n'ireme mu mikorere y'imiryango cyangwa iy'impuzamiryango bibigize; | 1° to advocate for and promote values and quality of functioning of member organisations or umbrellas; | 1° assurer le plaidoyer et promouvoir les valeurs et la qualité de service des organisations ou des collectifs membres; |
|--|--|---|

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 2° gutanga inyandiko ku muryango cyangwa impuzamiryango byifuzza kwiyandikisha;   | 2° to recommend an organization or an umbrella that intends to be registered;   | 2° recommander l'organisation ou le collectif désirant se faire enregistrer;  |
| 3° gushyiraho ingamba zo gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango cyangwa mu mpuzamuryango bibigize;   | 3° to establish mechanism to prevent and resolve conflicts among member organisations or umbrellas;   | 3° mettre en place des mécanismes de prévention et de résolution des conflits parmi les organisations ou les collectifs membres;  |
| 4° gushyiraho ingamba zo kubaka ubushobozi bw'abanyamuryango babigize;  | 4° to establish strategies of capacity building of its members;   | 4° mettre en place des stratégies de renforcement des capacités de ses membres;   |
| 5° kugeza ku buyobozi bw'Urwego raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari by'umwaka urangiye mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira. | 5° to submit to the Board an activity and budget execution reports of the previous year within a period of the first three (3) months of the following fiscal year. | 5° soumettre à l'Office le rapport d'activités et le rapport d'exécution du budget de l'année précédente, endéans trois (3) premiers mois de l'année budgétaire suivante. |

**UMUTWE WA VI: GUSABA UBUZIMAGATOZI N'INSHINGANO ZA MINISITERIYA**

**Ingingo ya 30: Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bwa minisiteriya**

Minisiteriya isaba ubuzimagatozi igomba kwandikira Urwego ibaruwa ibisaba iherekejwe n'ibi bikurikira:

- 1° amategeko shingiro ayigenga ariho umukono wa noteri kandi yubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko;

**CHAPTER VI: APPLICATION FOR A LEGAL PERSONALITY OF A MINISTRY AND ITS OBLIGATIONS**

**Article 30: Requirements for application for a legal personality of a ministry**

A ministry that intends to apply for legal personality must address the application letter to the Board with the following:

- 1° notarised statutes governing the ministry in conformity with this Law;

**CHAPITRE VI: DEMANDE DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE DU MINISTÈRE ET SES OBLIGATIONS**

**Article 30: Conditions de demande d'une personnalité juridique d'un ministère**

Un ministère qui demande une personnalité juridique doit adresser une lettre de demande à l'Office accompagnée de ce qui suit:

- 1° des statuts notariés du ministère conformément à la présente loi;



*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 2° inyandiko itanzwe n'umuryango minisiteriya ikomokamo iyemerera gukora ibikorwa;   | 2° a letter of recommendation issued by an organisation to which a ministry is affiliated authorising it to carry out activities;   | 2° une lettre de recommandation émise par une organisation à laquelle un ministère est affilié lui autorisant d'exercer ses activités;  |
| 3° amazina y'uhagarariye minisiteriya imbere y'amategeko n'umusimbura igihe adahari, inshingano zabo, aho babarizwa n'umwirondoro wabo wuzuye;                   | 3° names of the legal representative of the ministry, his or her deputy, their responsibilities, full address and biographical information;                                 | 3° les noms du représentant légal du ministère et de son adjoint, leurs attributions, leurs adresses et leurs renseignements biographiques complets;                                |
| 4° icyemezo kigaragaza ko uhagarariye minisiteriya n'umwungirije bafunzwe cyangwa batakiwe cyangwa bakatiwe n'inkiko;  | 4° criminal record certificates of the representative of a ministry and his or her deputy;  | 4° les extraits du casier judiciaire du représentant du ministère et de son adjoint;  |
| 5° icyemezo cy'uko uhagarariye minisiteriya imbere y'amategeko n'umwungirije bashyizweho cyangwa batowe mu buryo bwemewe n'amategeko awugenga;                   | 5° a document certifying that the legal representative of a ministry and his or her deputy were appointed or elected in accordance with its statutes;                       | 5° un document attestant que le représentant légal du ministère et son adjoint ont été nommés ou élus conformément aux statuts;   |
| 6° inyandiko y'abahagarariye minisiteriya imbere y'amategeko bemera inshingano bahawe na minisiteriya iriho umukono wa noteri;                                   | 6° a notarised declaration of consent of legal representatives accepting responsibilities assigned to them by the ministry;   | 6° une déclaration notariée des représentants légaux du ministère acceptant les attributions assignées par le ministère;  |
| 7° inyandikomvugo y'inama igaragaza ishingwa rya minisiteriya, iyemezwa ry'amategeko shingiro awugenga n'ishyirwaho ry'abagize inzego, biriho umukono wa noteri; | 7° a notarised copy of the minutes of the general assembly indicating the establishment of the ministry, approval of the statutes and appointment of the members of organs; | 7° une copie notariée du procès-verbal de l'assemblée générale indiquant la création du ministère, l'adoption des statuts la régissant et la mise en place des membres des organes; |
| 8° gahunda y'ibikorwa by'umwaka minisiteriya iteganya gukora n'aho izakura ubushobozi;   | 8° an annual action plan of the ministry and its source of revenues;  | 8° un plan d'action annuel du ministère et la source de revenus;  |

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

9° ibaruwa itanzwe n'ubuyobozi bw'Akarere minisiteriya iteganya gukoreramo iyemerera imikoranire;	9° a letter of collaboration issued by the District authorities where the ministry intends to operate;	9° une lettre de collaboration avec le ministère signée par l'autorité du District dans lequel le ministère compte exercer ses activités;
10° aho izakorera hujuje ibisabwa;	10° a building for its activities fulfilling the requirements;	10° un bâtiment où il exercera ses activités qui remplissant les conditions requises;
11° inyemezabwishyu y'amafaranga ya serivisi yo gusaba ubuzimagatozi adasubizwa agenwa n'Urwego.	11° a proof of payment of a non-refundable fee for services of legal personality application determined by the Board.	11° une preuve de paiement de frais non remboursables pour les services de demande de la personnalité juridique fixés par l'Office.
Urwego rushyiraho amabwiriza agena ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi.	The Board issues regulations determining additional requirements for application for legal personality.	L'Office édicte des règlements déterminant des conditions supplémentaires de demande de la personnalité juridique.
<b><u>Ingingo ya 31: Ibikubiye mu mategeko shingiro</u></b>	<b><u>Article 31: Content of statutes</u></b>	<b><u>Article 31: Contenu des statuts</u></b>
Amategeko shingiro agenga minisiteriya agomba kugaragaza ibi bikurikira:	Statutes governing a ministry must contain the following:	Les statuts régissant le ministère doivent comporter ce qui suit:
1° izina rya minisiteriya;	1° name of the ministry;	1° le nom du ministère;
2° umuryango ikomokamo;	2° its affiliated organisation;	2° l'organisation-mère;
3° intego ya minisiteriya;	3° mission of the ministry;	3° la mission du ministère;
4° ibikorwa bya minisiteriya n'aho bizakorerwa;	4° the activities of the ministry and area of implementation;	4° les activités du ministère et leurs lieux d'exécution;
5° imiterere y'inzego z'ubuyobozi, manda, ububasha n'inshingano za buri rwego;	5° administrative organs, term of office, competence and responsibilities of each organ;	5° la structure administrative, mandat, compétences et attributions de chaque organe;

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

- |     |   |     |  |     |  |
|-----|---|-----|--|-----|--|
| 6°  | Komite nyobozi igizwe nibura n'abantu batanu (5);   | 6°  | executive committee composed of at least five (5) persons;   | 6°  | le comité exécutif composé d'au moins cinq (5) personnes;  |
| 7°  | Urwego rushinzwe ubugenzuzi bw'imari rugizwe nibura n'abantu batatu (3) na manda yabo;              | 7°  | financial audit committee composed of at least three (3) persons and their term of office;                           | 7°  | l'organe chargé d'audit financier composé d'au moins trois (3) personnes et leur mandat;                             |
| 8°  | Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe n'abantu nibura batatu (3) na manda zabo;            | 8°  | organ responsible for conflict resolution composed of at least three (3) persons and their term of office;           | 8°  | l'organe chargé de résolution des conflits composé d'au moins trois (3) personnes et leur mandat;                    |
| 9°  | ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize komite nyobozi ya minisiteriya n'uko abutakaza; | 9°  | criteria for acquisition and loss of membership of the executive committee;  | 9°  | les critères pour acquérir et perdre la qualité de membre du comité exécutif;  |
| 10° | inkomoko y'umutungo wa minisiteriya n'ibiwugize n'aho uwo mutungo ujya iyo habaye iseswa ryawo.     | 10° | origin and composition of the property of the ministry, and its disposal in case of the dissolution of the ministry. | 10° | l'origine et la composition du patrimoine du ministère, ainsi que l'affectation du patrimoine en cas de dissolution. |

Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza akena ibindi bigomba kugarazwa mu mategeko shingiro ya minisiteriya.

The Board may issue regulations determining additional requirements that must appear in the statutes of a ministry.

L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires qui doivent apparaître dans les statuts du ministère.

**Ingingo ya 32: Inshingano za minisiteriya**

**Article 32: Obligations of a ministry**

**Article 32: Obligations d'un ministère**

Bitabangamiye izindi nshingano ziteganywa n'andi mategeko, minisiteriya igomba:

Without prejudice to other obligations provided for in other laws, a ministry must:

Sans préjudice des autres obligations prévues par les autres lois, un ministère a les obligations suivantes:

- 1° kugeza ku buyobozi bw'Akarere ikoreramo raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari by'umwaka urangiye mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka w'ingengo

- 1° submit to the District authorities where it operates an activity and its budget execution reports of the previous year approved by organisation it is affiliated to, within the first three (3) months of

- 1° soumettre aux autorités du District dans lequel il exerce ses activités, un rapport d'activités et un rapport d'exécution budgétaire de l'année précédente approuvés par son organisation-mère dans les trois (3) premiers mois de

- |  |   |  |
|--|---|--|
| y'imari ukurikira yemejwe n'umuryango ikomokamo ikagera kopi Urwego;   | the following fiscal year, and provides a copy to the Board;  | l'année budgétaire suivante et en donne copie à l'Office ;   |
| 2° kugeza ku buyobozi bw'Akarere ikoreramo gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka ukurikira yemejwe n'umuryango ikomokamo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'itangira ry'umwaka w'ingengo y'imari ikagera kopi Urwego; | 2° submit to the District authorities where it operates an annual activity plan and budget for the next year approved by the organisation it is affiliated to, within the first three (3) months of the following fiscal year, and provide a copy to Board. | 2° soumettre aux autorités du District dans lequel il exerce ses activités le plan d'action et le budget de l'année suivante approuvés par son organisation-mère dans les trois (3) premiers mois de l'année budgétaire suivante et donner copie à l'Office; |
| 3° kumenyesha Urwego impinduka zabaye mu bijyanye n'amategeko shingiro, mu nzego ziwugize n'icyicaro cyawo yemejwe n'umuryango ukomokamo.  | 3° to inform the Board of any change in the statutes, organisational structure and the head office approved by the organisation to which it is affiliated.  | 3° informer l'Office de tout changement relatif aux statuts, à sa structure organisationnelle et au siège social approuvé par l'organisation-mère.   |

**Ingingo ya 33: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahagararire minisiteriya imbere y'amategeko**

Uhagarariye Minisiteriya imbere y'amategeko cyangwa umwungirije agomba kuba:

- 1° afite imyaka y'ubukure;
- 2° ari inyangamugayo;
- 3° yaratowe cyangwa yarashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko agenga minisiteriya ahagarariye;
- 4° afite nibura impamyabumenyi ya kaminuza;

**Article 33: Requirements for legal representation of a ministry**

A legal representative of a ministry or his/her deputy must:

- 1° be of majority age;
- 2° be a person of integrity;
- 3° be elected or appointed in accordance with statutes of a ministry he/she represents;
- 4° to be a holder of at least a degree of higher learning institution;

**Article 33: Conditions pour être représentant légal d'un ministère**

Un représentant légal d'un ministère ou son adjoint doit:

- 1° avoir atteint l'âge de la majorité;
- 2° être une personne intègre;
- 3° avoir été élu ou désigné conformément aux statuts d'un ministère qu'il représente;
- 4° être détenteur d'au moins un diplôme universitaire;

- 5° atarahamwe n'icyaha cya jenocide icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura cyangwa icyo gukurura amacakubiri;
- 6° atarakatiwe burundu igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa.

- 5° not have been convicted for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination or sectarianism;
- 6° not have been definitively sentenced to the principal penalty of imprisonment equal to or exceeding six (6) months which was never removed by amnesty or rehabilitation.

- 5° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination ou de divisionnisme;
- 6° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.

Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza akena ibindi abahagararira minisiteriya bagomba kuba bujuje hakurikijwe umwihariko w'ibikorwa iyo minisiteriya igamije.

The Board may issue regulations determining other requirements that legal representatives must fulfil, depending on the particularity of the activities of the ministry.

L'Office peut édicter des règlements déterminant des conditions supplémentaires requises pour les représentants légaux, conformément à la particularité des activités d'un ministère.

**UMUTWE WA VII: UBURYOZWE N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA UMURYANGO, IMPUZAMIRYANGO, IHURIRO RY'IMPUZAMIRYANGO CYANGWA MINISITERIYA**

**CHAPTER VII: RESPONSIBILITIES AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS IMPOSED ON ORGANISATIONS, UMBRELLA, FORUM OF UMBRELLAS OR MINISTRY**

**CHAPITRE VII: RESPONSABILITÉS ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES IMPOSÉES A UNE ORGANISATION, UN COLLECTIF, UN FORUM DES COLLECTIFS OU MINISTÈRE**

**Ingingo ya 34: Gusaba ibisobanuro**

Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bitubahirije inshingano zabyo bisabwa ibisobanuro n'Urwego. Icyakora, mu rwego rw'imikoranyire, Akarere nako gashobora gusaba ibisobanuro umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bitubahirije inshingano zabyo bikorerwa muri ako Karere.

**Article 34: Request for explanations**

The Board requests explanations from an organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry that did not fulfil its responsibilities. However, for collaboration purposes, the District can request for explanation to an organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry operating in that District that did not fulfil its responsibilities.

**Article 34: Demande d'explications**

L'Office demande des explications à l'organisation, collectif, forum des collectifs ou ministère qui n'a pas respecté ses attributions. Toutefois, à des fins de collaboration, le District peut également demander des explications à l'organisation, au collectif, au forum des collectifs ou au ministère exerçant ses activités dans ce District qui n'a pas respecté ses attributions.

**Ingingo ya 35: Kwihanangirizwa**

Urwego rushobora kwihanangiriza mu nyandiko umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byakoze amwe mu makosa akurikira:

- 1° kudatanga ibisobanuro ku gihe;
- 2° igihe ibisobanuro byatanze bitanyuze Urwego cyangwa Akarere;
- 3° igihe umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byongeye kugaragarwaho amakosa byasabweho ibisobanuro.

**Ingingo ya 36: Uburyozwe bw'umwigisha mu kazi**

Bitabangamiye uburyozwe gatozi bw'umubwiriza, umwigisha aryozwa mu kazi amakosa yakozwe n'umubwiriza mu nshingano ze iyo:

- 1° umwigisha yamenye cyangwa yagombaga kumenya ko ikosa rigiye gukorwa ntagire icyo akora ngo ridakorwa;
- 2° umwigisha yamenye nyuma ko iryo kosa ryakozwe ntagire icyo akora kugira ngo rihanwe.

**Article 35: Warning**

The Board can warn in writing an organisation, umbrella, a forum of umbrellas or ministry which commits any of the following mistakes:

- 1° failure to give explanations on time;
- 2° giving explanations that do not satisfy the Board or the District;
- 3° in case the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry commits again the same mistake of which they were warned.

**Article 36: Preacher's responsibility in office**

Without prejudice to personal liability of subordinate of the preacher, the preacher is liable for the faults committed by his or her subordinate in the fulfilment of his or her duties if:

- 1° the preacher knew or had reason to know that the fault was going to be committed and did nothing to prevent it;
- 2° the preacher has known the fault after its commission but did nothing to punish it.

**Article 35: Avertissement**

L'Office peut adresser une mise en garde écrite à l'organisation, au collectif, forum des collectifs ou au ministère ayant commis l'une des fautes suivantes:

- 1° ne pas donner des explications à temps;
- 2° donner des explications ne convainquent pas l'Office ou le District;
- 3° lorsque l'organisation, le collectif, forum des collectifs ou le ministère commet à nouveau une faute pour laquelle il avait été mis en garde.

**Article 36: Responsabilité du prédicateur dans l'exercice de ses fonctions**

Sans préjudice de la responsabilité personnelle du subordonné du prédicateur, le prédicateur est responsable des fautes commises par le subordonné du prédicateur dans l'accomplissement de ses attributions si:

- 1° le prédicateur savait ou avait des raisons de savoir que la faute allait être commise et n'a rien fait pour l'empêcher;
- 2° le prédicateur a eu connaissance de la faute après sa commission mais n'avait rien fait pour la punir.

**Ingingo ya 37: Guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho abagize ubuyobozi**

Mu nyungu z'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya, Urwego rushobora guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe cyangwa benshi mu bayobozi babyo, igihe bigaragaye ko inzego zabyo zananiwe kubafatira ibyemezo.

Urwego rushyiraho amabwiriza akena igihe ihagarika ry'agateganyo rimara hashingiwe ku buremere bw'ikosa ryakozwe n'impamvu zishingirwaho mu gukuraho umwe cyangwa benshi mu bayobozi.

**Ingingo ya 38: Kwamburwa ubuzimagatozi**

Urwego rushobora kwambura umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya ubuzimagatozi kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° iyo umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bitacyujuje kimwe cyangwa byinshi mu byashingiweho bihabwa ubuzimagatozi;
- 2° iyo bigaragaye ko ingingo imwe cyangwa nyinshi mu zashingiweho umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa

**Article 37: Suspension or dismissal of members of administration**

For the interests of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry, the Board can suspend or dismiss one or many of its members of administration in case its organs fail to take actions.

The Board issues regulations determining the period of suspension based on the gravity of the fault committed and reasons for dismissal of one or more of members of administration.

**Article 38: Revocation of legal personality**

The Board may revoke a legal personality of an organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry due to one of the following reasons:

- 1° in case the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry no longer fulfils one or many of the requirements that served as a basis for being; issued with the legal personality;
- 2° in case one or many provisions that served as a basis for issuance of legal personality to an organisation, an umbrella, a

**Article 37: Suspension ou renvoi des membres de l'administration**

Pour l'intérêt de l'organisation, du collectif, le forum des collectifs ou du ministère, l'Office peut suspendre ou renvoyer l'une ou plusieurs membres de l'administration lorsqu'il est constaté que leurs organes n'ont pas pu prendre des décisions à leur encontre.

L'Office détermine la période de suspension en fonction de la gravité de la faute commise et des raisons du renvoi d'un ou plusieurs des membres de l'administration.

**Article 38: Révocation de la personnalité juridique**

L'Office peut retirer la personnalité juridique de l'organisation, au collectif, au forum des collectifs ou au ministère pour l'une des raisons suivantes:

- 1° lorsque l'organisation, le collectif, le forum des collectifs ou le ministère ne remplit plus l'un ou plusieurs des critères ayant servi de base à l'octroi de la personnalité juridique;
- 2° lorsqu'il est constaté que l'une ou plusieurs raisons ayant servi de base à l'octroi de la personnalité juridique à une organisation, un collectif, un forum des

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

minisiteriya bihabwa ubuzimagatozi atari ukuri;	forum of umbrellas or a ministry are believed to be false;	collectifs ou un ministère étaient fondées sur des informations fausses;
3° iyo ibikorwa bihagaritswe burundu kubera impamvu ziteganywa n'amategeko.	3° in case activities are terminated due to reasons provided for by laws.	3° lorsque leurs activités sont suspendues pour des raisons prévues par la loi.
Icyemezo cy'Urwego cyambura umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya ubuzimagatozi gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	The decision of the Board revoking a legal personality from an organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La décision de l'Office révoquant la personnalité juridique de l'organisation, du collectif, du forum des collectifs ou du ministère est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.
<b><u>Ingingo ya 39: Umutungo w'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byambuwe ubuzimagatozi</u></b>	<b><u>Article 39: Property of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry whose legal personality is revoked</u></b>	<b><u>Article 39: Patrimoine de l'organisation, du collectif, forum des collectifs ou du ministère dont la personnalité juridique est révoquée</u></b>
Umutungo w'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byambuwe ubuzimagatozi ucungwa hakurikijwe amategeko shingiro y'umuryango n'amategeko abigenga.	The property of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry whose legal personality is revoked is managed in accordance with their statutes and relevant laws.	Le patrimoine de l'organisation, du collectif, du forum des collectifs ou du ministère dont la personnalité juridique est révoquée est géré conformément aux statuts et à la législation en la matière.
<b><u>UMUTWE WA VIII: GUKEMURA AMAKIMBIRANE</u></b>	<b><u>CHAPTER VIII: CONFLICT SETTLEMENT</u></b>	<b><u>CHAPITRE VIII: RÉOLUTION DES CONFLITS</u></b>
<b><u>Ingingo ya 40: Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane mu muryango</u></b>	<b><u>Article 40: Organ responsible for conflict settlement in an organisation</u></b>	<b><u>Article 40: Organe chargé de la résolution des conflits dans une organisation</u></b>
Buri muryango ugomba kugira urwego rushinzwe gukemura amakimbirane.	Each organisation must have a conflict resolution organ.	Toute organisation doit avoir un organe de résolution des conflits en son sein.
Iyo umuryango unaniwe kwikemurira amakimbirane wiyambaza impuzamiryango ubarizwamo ukabafasha kuyakemura.	If the organisation fails to resolve conflicts within itself, the organisation seeks recourse from the umbrella to which it is affiliated.	Lorsqu'une organisation échoue de régler les différends en son sein, elle fait recours auprès du collectif dont elle est membre.



*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

Iyo umuryango utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'impuzamiryango ubarizwamo, wiyambaza ihuriro ry'impuzamiryango.

In case the organisation is not satisfied with the decision taken by the umbrella in which it has membership to, it refers the case to the forum of umbrellas.

Au cas où l'organisation n'est pas satisfaite par la décision prise par le collectif dont elle est membre, elle fait recours au forum des collectifs.

Iyo umuryango utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, wiyambaza Urwego.

If the organisation is not satisfied by the decision taken by the forum of umbrellas, it refers the case to the Board.

Au cas où l'organisation n'est pas satisfaite par la décision du forum des collectifs, elle fait recours à l'Office.

**Ingingo ya 41: Amakimbirane hagati y'imiryango iri mu mpuzamiryango imwe**

**Article 41: Conflict between organisations affiliated to the same umbrella**

**Article 41: Conflit entre les organisations affiliées à un même collectif**

Iyo amakimbirane ari hagati y'imiryango iri mu mpuzamiryango imwe, hitabazwa urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rw'iy mpuzamiryango.

In case of a conflict between organisations affiliated to the same umbrella, they seek recourse from the conflict settlement organ of the umbrella.

Lorsqu'un conflit surgit entre les organisations affiliées à un même collectif, il est fait recours à son organe de résolution des conflits.

Iyo abafitanye amakimbirane batanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'impuzamiryango babarizwamo, biyambaza ihuriro ry'impuzamiryango.

In case of dissatisfaction of parties in conflict with the decision of the umbrella, they refer the case to the forum of umbrellas.

Si les parties en conflit ne sont pas satisfaites par la décision prise par le collectif, elles font recours au forum des collectifs.

Iyo abafitanye amakimbirane batanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, biyambaza Urwego.

In case of dissatisfaction of parties involved in conflict with the decision of the forum of umbrellas, they refer the case to the Board.

Si les parties en conflit ne sont pas satisfaites par la décision prise par le forum des collectifs, elles font recours à l'Office.

**Ingingo ya 42: Amakimbirane hagati y'imiryango itari mu mpuzamiryango imwe**

**Article 42: Conflict between organisations affiliated to different umbrellas**

**Article 42: Conflit entre les organisations qui ne sont pas affiliées à un même collectif**

Iyo havutse amakimbirane hagati y'imiryango itari mu mpuzamiryango imwe, abafitanye amakimbirane biyambaza ihuriro ry'impuzamiryango babarizwamo.

In case of a conflict between organisations affiliated to different umbrellas, conflicting parties seek recourse from the forum of umbrellas.

Lorsqu'il ya un conflit entre des organisations qui ne sont pas affiliées à un même collectif, ces parties font recours au forum des collectifs.

*Official Gazette no.37 bis of 10/09/2018*

Iyo abafitanye amakimbirane batanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango babarizwamo, biyambaza Urwego.

In case parties in conflict are not satisfied by decision made by the forum of umbrellas of which they are members, they refer the case to the Board.

Si les parties en conflit ne sont pas satisfaites par la décision prise par le forum des collectifs dont elles sont membres, elles font recours à l'Office

Iyo abafitanye amakimbirane badafite ihuriro babarizwamo, biyambaza Urwego.

In case parties in conflict are not members of any umbrella, they refer the case to the Board.

Si les parties en conflit ne sont pas membres d'un collectif, elles font recours à l'Office.

**Ingingo ya 43: Amakimbirane mu ihuriro cyangwa hagati y'amahuriro y'impuzamiryango**

**Article 43: Conflict within a forum or between forums of umbrellas**

**Article 43: Conflit au sein d'un forum des collectifs ou entre les forums des collectifs**

Iyo amakimbirane ari mu ihuriro ry'impuzamiryango, hitabazwa urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rw'iryo huriro ry'impuzamiryango.

In case of conflict within a forum of umbrellas, recourse is made to the organ in charge of conflict resolution of that forum of umbrellas.

En cas de conflit au sein d'un forum des collectifs, il est fait recours à l'organe chargé de la résolution des conflits dans ce forum des collectifs.

Iyo abafitanye amakimbirane batanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, biyambaza Urwego.

If the parties in conflict are not satisfied by the decision of the forum of umbrellas, they refer the case to the Board.

Lorsque les parties en conflit ne sont pas satisfaites par la décision prise par le forum des collectifs, elles recourent à l'Office.

Iyo amakimbirane ari hagati y'amahuriro y'impuzamiryango, hiyambazwa Urwego.

In case of conflict between forums of umbrellas, recourse is made to the Board.

En cas de conflit entre les forums de collectifs, il est fait recours à l'Office.

**Ingingo ya 44: Amakimbirane muri minisiteriya**

**Article 44: Conflicts within a ministry**

**Article 44: Conflit au sein d'un ministère**

Amakimbirane muri minisiteriya akemurwa n'urwego rwa minisiteriya rushinzwe gukemura amakimbirane. Iyo urwo rwego runaniwe kuyakemura, hiyambazwa umuryango ishamikiyeho.

Any conflict within a ministry is resolved by its conflict resolution organ. If the organ is unable to resolve the conflict, the ministry can refer the case to the organisation to which it is affiliated.

Un conflit au sein d'un ministère est réglé par son organe de résolution des conflits. Lorsque l'organe ne parvient pas à régler le conflit, le ministère peut recourir à l'organisation dont il est membre.

Iyo minisiteriya itanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'umuryango ishamikiyeho, yiyambaza Urwego.

In case the ministry is not satisfied by the decision taken by the organisation which it is affiliated to, it refers the case to the Board.

Lorsque le ministère n'est pas satisfait par la décision prise par l'organisation dont il est membre, il fait recours à l'Office.

**UMUTWE WA IX: ISESWA RY'UMURYANGO, IMPUZAMIRYANGO, IHURIRO RY'IMPUZAMIRYANGO CYANGWA MINISITERIYA**

**Ingingo ya 45:** Iseswa rikozwe n'urwego rukuru rw'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya

Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bishobora guseswa iyo byemejwe n'urwego rwayo rukuru rushingiye ku mategeko shingiro ayigenga.

Iyo urwego rukuru rw'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya rufashe icyemezo cyo kubisesa, bimenyeshwa Urwego mbere y'uko gishyirwa mu bikorwa.

Iyo umuryango washeshwe n'urwego rwawo rukuru, ubanza kwishyura imyenda no kubahiriza amasezerano wari wiyemeje, umutungo usagutse uhabwa undi muryango bihuje intego.

Iyo impuzamiryango isheshwe n'urwego rwayo rukuru, ibanza kwishyura imyenda no kubahiriza amasezerano yari wiyemeje, umutungo usagutse ukagabanywa imiryango iyigize.

**CHAPTER IX: DISSOLUTION OF THE ORGANISATION, UMBRELLA, FORUM OF UMBRELLAS OR MINISTRY**

**Article 45:** Dissolution done by supreme organ of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry

An organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry can be dissolved after approval by their supreme organ on the basis of the statutes.

If the supreme organ of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry decides to dissolve it, the decision is communicated to the Board before implementation.

When an organisation is dissolved by its supreme organ, it settles debts and obligations under contracts and the remaining assets are allocated to another organisation with similar mission.

When an umbrella is dissolved by its supreme organ, it settles debts and obligations under contracts and the remaining assets are shared between organisations affiliated to it.

**CHAPITRE IX: DISSOLUTION DE L'ORGANISATION, DU COLLECTIF, DU FORUM DES COLLECTIFS OU DU MINISTÈRE**

**Article 45:** Dissolution effectuée par l'organe suprême de l'organisation, du collectif, du forum des collectifs ou du ministère

L'organisation, le collectif, le forum des collectifs ou le ministère peut être dissous après approbation de son organe suprême sur base de statuts.

Lorsque l'organe suprême de l'organisation, du collectif, forum des collectifs ou du ministère décide de le dissoudre, la décision est communiquée à l'Office avant sa mise en application.

Lorsque l'organe suprême d'une organisation décide de la dissoudre, il apure ses dettes et engagements et l'actif restant est dévolu à une autre organisation de même mission.

Lorsque l'organe suprême d'un collectif décide de le dissoudre, il apure ses dettes et engagements et l'actif restant est partagé aux organisations membres du collectif.

Iyo ihuriro ry'impuzamiryango risheshwe n'urwego rwaryo rukuru, ribanza kwishyura imyenda no kubahiriza amasezerano ryari riyemeje, umutungo usagutse ukagabanywa impuzamiryango zirigize.

Iyo minisiteriya isheshwe n'urwego rwayo rukuru, ibanza kwishyura imyenda no kubahiriza amasezerano yari yiyemeje, umutungo usagutse ugahabwa umuryango iyo minisiteriya ikomokamo.

**Ingingo ya 46: Kugaruza umutungo w'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byasheshwe n'inzego zabyo nkuru**

Iyo umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byasheshwe n'inzego zabyo nkuru binyuranyije n'iri tegeko, umuntu ubifitemo inyungu ashobora kuregera urukiko ikirego kigamije kugaruza umutungo waba warakoreshejwe mu buryo butubahirije amategeko.

Icyakora, kugaruza umutungo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikuraho ikurikiranwa ry'abagize uruhare mu iseswa ry'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya ku byaha baba barakoze hakurikijwe amategeko abigenga.

In case of the dissolution of a forum of umbrellas by its supreme organ, it settles debts and obligations under contracts and the remaining assets are shared between umbrellas member of the forum of umbrellas.

When a ministry is dissolved by its supreme organ, the ministry first settles debts and obligations under contracts and the remaining assets are transferred to the organisation to which the ministry is affiliated.

**Article 46: Recovery of resources of an organisation, umbrella, forum of umbrellas or a ministry dissolved by its supreme organ**

In case the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry is dissolved by its supreme organ contrary to this Law, any interested person can file a case before the court claiming recovery of assets used illegally.

However, the recovery of resources referred to in Paragraph One of this Article does not exclude prosecution of persons who played a role in the dissolution of the organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry for the offenses committed in accordance with relevant laws.

Lorsque le forum des collectifs est dissous par son organe suprême, il apure ses dettes et engagements et l'actif restant est partagé aux organisations membres du collectif.

Lorsqu'un ministère est dissous par son organe suprême, ledit ministère apure d'abord ses dettes et engagements et l'actif restant est transféré à l'organisation auquel le ministère est affilié.

**Article 46: Récupération des ressources de l'organisation, du collectif, du forum des collectifs ou du ministère dissous par son organe suprême**

Lorsque l'organisation, le collectif, forum des collectifs ou le ministère est dissous par son organe suprême contrairement à la présente loi, toute personne intéressée peut soumettre une plainte auprès de la juridiction en vue de récupérer le patrimoine utilisé illégalement.

Toutefois, la récupération des ressources mentionnées à l'alinéa premier du présent article n'exclut pas la poursuite des personnes qui ont joué un rôle dans la dissolution de l'organisation, du collectif, forum des collectifs ou du ministère pour les infractions commises conformément à la législation en la matière.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 47: Guhuza imikorere n'amategeko agenga umuryango impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya n'iri tegeko**

Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bifite ubuzimagatozi ntibyongera kubusaba.

Icyakora, umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bisanzwe bifite ubuzimagatozi bigomba guhuza imikorere yabyo n'amategeko abigenga n'iri tegeko bikayashyikiriza Urwego mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Mu rwego rwo guhuza amategeko shingiro y'imiryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya n'iri tegeko, abasabwa impamyabumenyi bahawe igihe kingana n'imyaka itanu (5) uhereye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 48: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**CHAPTER X: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 47: Harmonisation of statutes and functioning of organisations, forum of umbrellas or ministry with this Law**

An organisation, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry with legal personality is not required to re-apply for legal personality.

However, an organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry already with legal personality must harmonise its functioning and statutes with this Law and submit the statutes to the Board within twelve (12) months from the date this Law is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

In order to conform statutes of an organisation, umbrella, forum of umbrellas or ministry with this Law, persons required to hold an academic degree are given five (5) years to comply with this Law starting from the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 48: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 47: Harmonisation du fonctionnement et des statuts d'une organisation, d'un forum des collectifs ou le ministère avec la présente loi**

Une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère jouissant déjà de la personnalité juridique n'est pas tenu de renouveler la demande.

Toutefois, l'organisation, le collectif, le forum des collectifs ou le ministère jouissant déjà de personnalité juridique est tenu d'harmoniser son fonctionnement et ses statuts avec la présente loi et soumettre lesdits statuts à l'Office endéans douze (12) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Dans le but d'harmoniser les statuts d'une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère avec la présente loi, les personnes qui doivent détenir un diplôme académique ont une période de cinq (5) ans, à compter du jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer à la présente loi.

**Article 48: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 49 : Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 50: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **31/08/2018**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 49: Repealing provision**

Law n°06/2012 of 17/02/2012 determining organisation and functioning of religious-based organisations and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 50: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **31/08/2018**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice /Attorney General

**Article 49: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 06/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement de l'organisation fondée sur la religion et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 50: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **31/08/2018**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux